AMABWIRIZA YA KOMISERI MUKURU Nº 01/2016 YO KU WA 08/07/2016 AGENA IBISABWA ABEMEZA IBARURAMARI BABIGIZE UMWUGA

COMMISSIONNER GENERAL RULES Nº01/2016 OF 08/07/2016 DETERMINING THE CONDITIONS FOR PROFESSIONNAL ACCOUNTANTS CERTIFYING FINANCIAL STATEMENTS

DIRECTIVES DU COMMISSAIRE GENERAL Nº01/2016 DU 08/07/2016 DETERMINANT LES CONDITIONS POUR LES COMPTABLES PROFESSIONNELS POUVANT CERTIFIER LES ÉTATS FINANCIERS

Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro,

Ashingiye ku Itegeko nº 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 12;

The Commissioner General of the Rwanda Revenue authority,

Given law nº 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income, especially in its article 12;

Le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes,

Vu la loi nº 16/2005 du 18/08/2005 relative aux impots directs sur le revenu, spécialement en son article 12;

Ingingo ya mbere: Icyo agamije

Aya mabwiriza agena ibisabwa abemeza ibaruramari riherekeza imenyeshamusoro ryohererezwa Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro.

Article One: Objective

These Rules determine the conditions for professional accountants certifying financial statements to support tax declarations submitted to the Commissioner General of the Rwanda Revenue Authority.

Article Premier : **Objet**

Ces directives déterminent les conditions exigées aux comptables professionnels pouvant certifier les états financiers supportant les déclarations d'impôts adressées au Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes.

Ingingo ya 2: Ibisabwa abemeza ibaruramari babigize umwuga

Abasoreshwa bagejeje ku byacurujwe nibura bingana na miliyoni magana ane y'amafaranga y' u Rwanda (400.000.000Frw), bagomba kugira ibaruramari ryemejwe n'ufite icyangombwa cy'umwuga cyemewe gitangwa n'Urugaga Nyarwanda rw'Ababaruramari

Article 2: Conditions for professional accountants certifying financial statements

Taxpayers with an annual turnover of at least four hundred million Rwandan francs (400,000,000Frw) are obliged to have their financial statements certified by a person holding a practicing certificate issued by the Institute of Certified Public Accountant of

Article 2: Conditions pour les comptables professionnels pouvant certifier les états financiers

Les contribuables dont le chiffre d'affaires annuel est fixé au moins à quatre cent millions de francs rwandais (400.000.000Frw) doivent avoir leurs états financiers certifiés par une personne possédant un certificat valide de praticien émanant de l'Ordre des Experts

b'Umwuga (iCPAR) kikanemezwa n'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro. .	Rwanda (iCPAR) and approved by Rwanda Revenue Authority.	Comptables au Rwanda (iCPAR) et approuvé par l'Office Rwandais des Recettes.
Uwemeza ibaruramari wabigize umwuga agomba kuba yujuje ibi bikurikira :	A Professional accountant certifying financial statements shall fulfill the following conditions:	Un comptable professionnel pouvant certifier les états financiers doit remplir les conditions suivantes:
1º Gushyikiriza Komiseri Mukuru ibaruwa isaba gukora imirimo yo kwemeza imenyeshamusoro n'ibaruramari;	1º Submission of an application letter addressed to the Commissioner General;	1º Introduction d'une lettre de demande adressée au Commissaire Général;
2º Icyemezo cy'uko hishyuwe amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50,000Frw) adasubizwa;	2º Proof of payment of Fifty Thousand Rwandan Francs (50,000Frw) non refundable;	2º Une quittance de paiement de cinquante mille francs rwandais (50,000Frw) non remboursable;
3º Kugaragaza icyangombwa cy'umwuga cyemewe gitangwa n'Urugaga Nyarwanda rw'Ababaruramari b'Umwuga (iCPAR);	3º To have a valid Practicing Certificate from the Institute of Certified Public Accountants in Rwanda (iCPAR);	3º Etre en possession d'un certificat valide de praticien émanant de l'Ordre des Experts Comptables au Rwanda (iCPAR);
4º Gutanga ingwate yemewe itangwa na Banki ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ijana (100.000.000Frw) cyangwa ubwishingizi k'uburyozwe bukomoka ku murimo butari munsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni mirongo itanu (50.000.000Frw) ku mwaka kuri buri muntu usaba uburenganzira bwo kwemeza imenyeshamusoro n'ibaruramari;	4º Submit a valid bank guarantee of 100,000,000 Frw (One Hundred Million Rwandan Francs) or Professional Indemnity Insurance of not less than 50,000,000 Frw (Fifty Million Rwandan Francs) per year and per applicant;	4º Présenter une garantie bancaire valide de 100.000.000Frw (Cent millions de francs rwandais) ou une assurance de responsabilité civile professionnelle d'au moins 50.000.000 Frw(Cinquante millions de francs rwandais) par an et par demandeur;
5º Kuba afite icyemezo cyo kutabamo umwenda w'umusoro;	5º In possession of a valid tax clearance certificate;	5º Posséder une attestation de non créance valide ;
6º Kuba atarigeze agaragara ku buryo buziguye cyangwa butaziguye mu bikorwa by'inyereza ry'imisoro;	6º Not have been directly or indirectly involved in evading taxes;	6º N'avoir pas été impliqué dans une fraude fiscale de façon directe ou indirecte;

7º Kuba yaratanze imenyeshamusoro ku nyungu y'imyaka ibiri ishize. Ibi ariko ntibireba abantu basaba ku nshuro ya mbere.
Imenyeshamusoro rigomba kuba ari iry'ikigo aho usaba ari umufatanyabikorwa cyangwa umuyobozi ;

7º Have submitted income tax returns for the two previous years. This condition is not applicable to new applicants. The tax return shall be from the firm in which the applicant is affiliated or is a Partner or a Director;

7º Avoir soumis des déclarations d'impôt sur le revenu pour les deux années précédentes. Cette condition n'est pas applicable aux nouveaux demandeurs. La déclaration d'impôt doit être celle de l'entreprise dans laquelle le demandeur est un partenaire ou un Directeur ;

8º Aho akorera hazwi hashimangirwa n'amasezerano y'ubukode cyangwa icyemezo cy'umutungo.

8º Physical address supported by office rent contract or property title.

8º Adresse physique soutenue par un contrat de location de bureau ou un titre de propriété.

Ingingo ya 3: Amahazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi adahinduka acibwa abemeza ibaruramari babigize umwuga

Article 3: Fixed fines charged to professional accountants certifying financial statements

Article 3: Pénalités administratives fixes infligées aux comptables professionnels certifiant les états financiers

Abemeza ibaruramari babigize umwuga bakoze amakosa cyangwa bagize uburangare mu imirimo bashinzwe, bacibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi idahinduka ku buryo bukurikira :

Professional accountants certifying financial statements who perform their duties with errors or negligence, are liable for a fixed administrative fixed fine in the following way:

Les comptables professionnels certifiant les états financiers qui commettent des erreurs ou négligence lors de leurs fonctions, sont passibles d'une amende administrative fixe de la manière suivante :

1.° miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000Frw) iyo umusoreshwa wagenzuwe ari mu cyiciro cy'abasoreshwa bato;

1. One Million Rwandan Francs (1,000,000Frw) when the audited taxpayer falls under category of small taxpayers;

1.° un million de francs rwandais (1.000.000Frw) lorsque le contribuable audité est enregistré comme petit contribuable ;

2.° miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000Frw) iyo umusoreshwa wagenzuwe ari mu cyiciro cy'abasoreshwa bacyiriritse;

2.° Three Million Rwandan Francs (3,000,000Frw) if the audited taxpayer falls under category of medium taxpayers;

2.° trois millions de francs rwandais (3.000.000Frw) lorsque le contribuable audité est enregistré comme moyen contribuable;

3. miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000Frw) iyo umusoreshwa wagenzuwe ari mu cyiciro cy'abasoreshwa banini.

3. Five Million Rwandan Francs (5,000,000Frw) if the audited taxpayer falls under category of large taxpayers.

3. et cinq millions de francs rwandais (5.000.000Frw) lorsque le contribuable audité est enregistré comme grand contribuable.

Umubaruramari wabigize umwuga ntacibwa amahazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi adahinduka iyo imisoro ikomoka ku nyandiko umusoreshwa atamugaragarije igihe yemezaga ibaruramari rye cyangwa ku nyandiko mpimbano zakoreshejwe n'umusoreshwa.

Professional accountant is not liable for administrative fixed penalties when it is established that additional taxes assessed by tax administration are accruing from documents that the taxpayer did not provide during certification or forged documents used by the taxpayer.

Le comptable professionnel n'est pas redevable des pénalités administratives fixes lorsque les impôts additionnels dégagés sont issus des documents que le contribuable ne lui a pas remis au moment de la certification ou issus des documents falsifiés ou faux utilisés par le contribuable.

Ingingo ya 4: Raporo y'igenzura

Abemeza ibaruramari babigize umwuga bagomba gukora raporo nyuma y'igenzura. Iyo raporo igomba kugaragaza impanvu zashingiweho mu kwemeza cyangwa kutemeza ko ibaruramari ryangenzuwe ari ryo. Iyo raporo igomba kugaragaza uko ibitabo by'ibaruramari byari bihagaze mu bitabo by'umusoreshwa mbere y'igenzura.

Article 4: Audit report

Professional accountants certifying financial statements shall make an audit report including a clear audit opinion on audited financial statements. The report shall include the status of the accounts before certification.

Article 4: Rapport d'audit

Les comptables professionnels certifiant les états financiers doivent rédiger un rapport après l'audit y compris l'opinion de l'auditeur sur les états financiers audités. Ce rapport doit démontrer entre autres la situation de la comptabilité du contribuable avant la certification.

Ingingo ya 5: Igihe icyemezo kimara

Uruhushya rwo kwemeza ibaruramari rumara igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa gusa harebwe niba umubaruramari acyujuje ibisabwa bivugwa mu ngingo ya 2 (1, 3, 4, 5, 6, 7 na 8) anagaragaje icyemezo cy'uko yishyuye amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10.000Frw) adasubizwa.

Article 5: Duration of license

The license to certify financial statements is valid for three (3) years, renewable only if the licensed professional accountant fulfills the requirements as mentioned in article 2 (1, 3, 4, 5, 6, 7 and 8) above and presents proof of payment of ten thousand francs (10.000Frw) non refundable.

Article 5: Durée de l'agrément

L'agrément pour certifier les états financiers a une validité de trois (3) ans, renouvelable dans la mesure où le comptable professionnel continue à remplir les conditions mentionnées à l'article 2 (1, 3, 4, 5, 6, 7 et 8) de ces directives et qu'il présente une quittance de paiement de dix mille francs rwandais (10.000Frw) non remboursable.

Komiseri Mukuru ashobora kwambura urwo ruhushya igihe cyose uwaruhawe atacyujuje kimwe mu bya ngombwa biteganyijwe mu ngingo ya 2 y'aya mabwiriza.

The Commissioner General may revoke the license anytime the licensee fails to fulfill any of the conditions stipulated under article 2 of these rules.

Le Commissaire General peut, à tout moment, retirer cet agrément si le détenteur de l'agrément ne remplit plus l'une des conditions mentionnées à l'article 2 de ces directives.

Ingingo ya 6: Ingingo zivanyweho

Amabwiriza yose abanziriza aya kandi anyuranye nayo avanyweho

Ingingo ya 7: Gutangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 08/07/2016

(sé)
TUSABE Richard
Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro

Article 6: Abrogation of contrary rules

All rules prior and contrary to these rules are hereby repealed.

Article 7: Coming into force

These rules shall come into force on the day of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 08/07/2016

(sé)
TUSABE Richard
Commissioner General of the Rwanda Revenue Authority

Article 6: Abrogation des directives contraires

Toutes les directives antérieures et contraires aux présentes directives sont abrogées.

Article 7: Entrée en vigueur

Les présentes directives entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 08/07/2016

(sé)
TUSABE Richard
Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes